

Umuryango w'Abibumbye

MICT-12-25  
17-10-2013  
(270/ter - 269/ter)

270/ter  
JN

MICT-12-25

Urubanza N°:

MICT-12-20

Itariki: 3 Ukwakira 2013

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Umwimerere: Icyongereza

Imbere ya Gerefeye

**MU RUBANZA RWA JEAN BOSCO UWINKINDI N'URWA BERNARD MUNYAGISHARI**

**ITEGEKO RISHYIRAHO UMUNTU UKURIKIRANA URUBANZA**

Byakiriwe n'Ibiro bya Gerefeye

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha

Mpuzamahanga

9 Ukwakira 2013, saa sita n'iminota 20

[Umukono]

Received by the Registry  
Mechanism for International Criminal Tribunals  
17/10/2013 14:41

*Anomaraf.*

**Gerefiye w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT");**

**AMAZE** kubona ko Bwana Constant Hometowu, wari umunyamategeko [*Legal Officier*] mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") yeguye ku mirimo ye bityo akanava ku mwanya we nk'uwari ushinzwe by'agateganyo gukurikirana imanza zimuriwe muri Repubulika y'u Rwanda;

**ASHINGIYE** ku Ngingo ya 6 ya Sitati ya MICT mu gika cyayo cya 5 no ku Ngingo ya 14 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya MICT ("Amategeko");

**AKURIKIJE** icyemezo cya Perezida wa TPIR cyerekeye ingamba zo gukurikirana iburanisha ry'urubanza rwa Jean Uwinkindi muri Repubulika y'u Rwanda cyo ku itariki ya 5 Mata 2012 mu rubanza N° ICTR-01-75-R11bis n'Icyemezo cyo mu ruhame ku Cyifuzo cya Porokireri gisaba kwimurira urubanza muri Repubulika y'u Rwanda cyafashwe mu rubanza Porokireri aburana na Bernard Munyagishari, N° ICTR-2005-89-R11bis ku itariki ya 6 Kamena 2012, amaze kandi kubivuganaho na Perezida wa MICT;

**ASHYIZEHO** Bwana Samuel Algozin, umunyamategeko [*Legal Officer*] muri MICT kugira ngo akurikirane by'agateganyo urubanza rwa Jean Uwinkindi n'urwa Bernard Munyagishari muri Repubulika y'u Rwanda, akaba azakora uwo murimo kugeza igihe hazashyirirwaho umuryango cyangwa urwego mpuzamahanga cyangwa byo mu karere bizakurikirana izo manza.

Bikorewe i La Haye, tariki ya 3 Ukwakira 2012[sic], mu rurimi rw'icyongereza.

[Umukono]



John Hocking  
Gerefiye

[Kashe y'Urwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga]

Urubanza N° MICT-12-20

Urubanza N° MICT-12-25